REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUZIMA

Amakuru Mashya kuri Koronavirusi COVID-19 — 24 Werurwe 2020

Uyu munsi hagaragaye abandi bantu bane (4) barwaye Koronavirusi. Ibi bikaba byatumye umubare w'abarwaye Koronavirusi mu Rwanda ugera kuri mirongo ine (40).

- Abantu babiri (2) baje baturutse i Dubai
- Umuntu umwe (1) waje aturutse i Buruseli mu Bubiligi
- Umuntu umwe (1) watahuwe ko yahuye n'undi wagaragayeho Koronavirusi mu Rwanda

Abagenzi bose baherutse kwinjira mu Rwanda, bahise bapimwa ndetse bashyirwa mu kato.

Abarwayi bose bavurirwa ahantu habugenewe kandi bari koroherwa. Hanashakishijwe abantu bose bahuye nabo kugira ngo nabo basuzumwe ndetse bitabweho n'inzego z'ubuzima.

Abaturarwanda bose barasabwa gukomeza kwitwararika. Nkuko byatangajwe na Leta y'u Rwanda, ingamba nshya zafashwe zizamara ibyumweru bibiri (2). **Ubucuruzi bw'ibikorwa bitari iby'ibanze bwahagaritswe, ingendo zihuza imijyi n'uturere zahagaritswe** ndetse **n'ingendo zitari ngombwa no kuva mu ngo nta mpamvu zihutirwa birabujijwe**. Abantu bose bageze mu Rwanda mu byumweru bibiri (2) bishize barasabwa kwishyira mu kato mu gihe cy'iminsi 14 guhera igihe bagereye mu Rwanda.

Ubufatanye bwa buri Munyarwanda na buri Muturarwanda ni ingenzi. Turashimira ubwitange n'umurava by'abakora mu nzego z'ubuzima bakomeje guhabwa ubufasha mu kubungabunga ubuzima bwacu twese.

Murasabwa gukomeza kubahiriza amabwiriza y'inzego z'ubuzima hitabwaho cyane cyane gukaraba intoki kenshi kandi neza hanubahirizwa intera ya metero imwe (1) hagati y'abantu.

Ibimenyetso by'ingenzi bya Koronavirusi ni inkorora, guhumeka bigoranye n'umuriro. Umuntu wese ugaragaza ibi bimenyetso asabwe kwihutira guhamagara umurongo utishyurwa **114**, cyangwa akipimisha akoresheje telefone akanda ***114#** maze agakurikiza amabwiriza, cyangwa akoreheza email kuri callcenter@rbc.gov.rw, cyangwa akohereza ubutumwa bwa WhatsApp kuri **+250 788 20 20 80**, cyangwa akitabaza umujyanama w'ubuzima umwegereye.

MINISTERE DE LA SANTE

MINISITERI Y'UBUZIMA